17 mars 1976

NYARUHILIRA Védaste
C/o P.T.T. Nyanza
NYANZA.

Nyanza, le 24 Février 1976.

OBJET: Ikibazo kw'ibaruwa yawe
N° I5.03.02/374 du 30/I/1976.

A traiter par ..........
Date entrée 9-3-76
N° classement 2650/17-7

Nyakubahwa Bwana Minisitri w'Imilimo y'Igihugu n'
Ibikoresho bya Leta
KIGALI.

Nyakubahwa Bwana Minisitri,

Nshingiye kw'ibaruwa yanyu n° I5.03.02/374 yo kuwa 30/I/76 ikubuyemo amagambo yo kunyambura inzu nubakaga ya Gasutamo i Butare ngo kuko natinze kuyuzuza, nsanze ari ngombwa kubamenyesha ibi bikurikira:

Ubukererrwe munshinja ntabwo ari jyewe bukomokaho, ahubwo bukomoka kuri Minisiteri y'Ibikoresho bya Leta, no ku zindi mbamvu zitari izanjye, ntizibe n'iz'iyo Minisiteri.

Uko bimeze lero Nyakubahwa Bwana Minisitri, namaze kubona ibarwa yanyu n°II0/2.I/2666 yo kuwa 27/9/1973, imenyesha ko nemerewe kuzubaka iyo nzu, ibwira n'igiciro mwemeye, kandi imha n'itariki yo kuzatangilirahо, n'igihe cy'amezi 6 cyo kuba nararangije iyo milimo yose y'ubwubatsi. Ubwo nahise nandika ibarwa yo kuwa I/I0/1973, mbamenyesha ko itariki yo gutangira nyemeye, kandi ko n'igiciro ncyemeye, ko gusa icyo nseguriye ari ingorane nazasanga mu kazi, zavuka igihe imilimo itarangira ko nahita nzibamenyesha, mbinyujije kuri Fonctionnaire dirigeant mwamhaye. Ubwo maze gutangira imilimo nahise mbona ikosa kuri devis yakozwe ihwanye n'amafaranga yanditse kuri baruwa ya commande navuze haruguru, mhita nkora devis yindi, muyemera mu ibarwa yanyu n° II0/2.II/3294 yo kuwa II/I2/1973. Ubwo imilimo ikomeza kugenda neza nkuko Fonctionnaire dirigeant abivuga mu ibaruwa ye n° I5.03.02/3786 yo kuwa II/I2/I974 ku gika cyayo cya 2.

Ingorane zajemo nyuma:

-Kubera ko amafaranga nari mfite yo kubaka iyo nzu yambanye make, kuko nari nemeye iyo contrat ngereranyije na devis yambere, aho rero nsangiye igomba gukosorwa, ayo yiyongereyeho sinari narayateganyije. Iyo iba imhamvu ya mbere yatumye yatumye amafaranga yanjye ashira inzu ituzuye;

-Imhamvu ya 2, kubera kubura kwa Peteroli mwese muzi, ibikoresho nabyo byarabuze, mhagarara nk'amezi 3 ntakora, kandi mbimenyesha Fonctionnaire dirigeant. Arabyumva kandi aranabyemera, nk'uko abyivugira mw'ibarwa ye navuze haruguru ko yanemeye ko mfata amafaranga tariki I6/9/1974?KANDI igihe cyo kuzuza iyo nzu cyararenze.

-Indi mhamvu n'uko aho ibikoresho bitangiriye kubonekara byongereye igiciro, ibyo bizwi na buri muntu wese; ni nayo mhamvu ku itariki ya I2/II/74, nabandikiye ibaruwa ibamenyesha ibiciro byiyongereye, mbasaba kongera amafaranga, kugira ngo imilimo ishobore gukomeza. Nyuma y'iyo baruwa nabonye iya Fonctionnaire dirigeant yo II/I2/I974, yirengagiza izo ngorane zose kandi yarabanje kuzemera no kusimfashamo, inshinja ubukerererwe kandi yari azi icyabunteye, inaniza kugira ngo imilimo idindire nanjye mpombe, kuko yabonaga udufaranga twanjye maze kutumalira kuri iyo nzu.

Maze kubona iyo baruwa nza i Kigali mbibwilira (mwebwe) mu magambo, namwe munyemerera ko muzabisuzuma; mbonye bitinze, mbandikira ibaruwa kuwa I9/2/75, mbamenyesha ko nifuza icyemezo cyanyu kuby'ibiciro bikomeza kwiyongera. Nibwo mwohereje commission yo gusuzuma iyo milimo. Iyo commission sinigeze menya icyemezo cyayo. Igihe cyose nari nkirindiriye raporo yayo, nibwo mbonye ibaruwa yanyu yo kunyambura iyo chantier, nayo imenyesha ko hazakorwa décompte final. Commission mwohereje ivugwa muri iyo barwa iyobowe na Fonctionnaire dirigeant Haguma S. nta décompte yakoze ngo menye icyo mpomba cyangwa icyo ngomba kwishyurwa, ahubwo yambwiye ko ntagomba kwegera iyo chantier.

......../.......

None lero Nyakubahwa Bwana Minisitri,igihe amasezerano twagiranye mwananiwe kuyakurikiza,ndasanga ubukererwe atari jyewe bukwiriye gushinjwa.Munyambuye chantier ntimwanyambura n'amafaranga yanjye arenga kuyo mwampaye natanze k'ubwubatsi bw'iyo nzu.Kubera ibyo lero,ndasaba ko mwakohereza umuhanga (expert),akaza gukora décompte nibura nkagarulirwa ibyanjye natanze niba mutemera ko iyo nzu nayuzuza kandi hasigayeho imilimo mike cyane (répétition de l'inda).

Mumwanya ngitegereje icyemezo cyanyu mu butabera,Nyakubahwa Bwana Minisitri,Mbasazeyeho mbifuriza amahoro ya Nyagasani.

Nyaruhilira Védaste

BIMENYESHEJWE:

-Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika y'Urwanda i
KIGALI.

-Bwan Minisitri w'Imari n'Ubukungu bw'Igihugu i
KIGALI.

-Bwana Minisitri wa Plan i
KIGALI.

-Bwana Prezida w'Inama ya Adjudication muri Minisiteri y'Imali n'Ubukungu bw'Igihugu i
KIGALI.

-Bwana Haguma Silas Fonctionnaire dirigeant muri Minisiteri y'Imilimo y&Igihugu n'Ibikoresho bya Leta i
KIGALI.